



1

Inyigisho mu Misa ya Forum des MAC

Ruhengeri, 14/10/2017

Amasomo : Yer 32,37-41 ; Rm 8,26-30 ; Mt 5,13-16

Bavandimwe,

Dushimire Imana yaduhurije hano kwa Bikira Mariya Umwamikazi wa Fatima muri uyu mwaka wa yubile y'imyaka 100 y'amabonekerwa ya Bikira Mariya i Fatima.

Nimureke ntangire ntaraka aka wa muririmbyi wa zaburi : « Uhoraho. Mutegetsi wacu, mbega ngo izina ryawe riramamara ku isi hose » (Zab 8) ! Nyagasani Mana yacu, turagushimira ibitangaza udahwema kutugaragariza.

Bavandimwe mugize imiryango y'Agisiyo gatolika, amahuriro n'amatsinda y'abakristu, mbanje kubaramutsa mbifuriza amahoro n'umugisha. Mwaje mwabukereye muvuye muri Paruwasi zose za Diyosezi yacu, muherekejwe n'abasaserdoti banyu n'abihayimana bababa hafi. Uru rugendo nyobokamana rurahamya ko turi abasangira ngendo. Turi kumwe tugana aheza Imana itwifuza turangamiye Bikira Mariya.

Ndahamya ko buri wese ku giti cye afite icyo yabwira Imana muri iyi Misa Ntagatifu ariko hari n'icyo Imana itugezaho inyujije mu Ijambo ryayo ndetse no mu bindi byiza byose bikomeje kuranga iri huriro. Iyaba uyu munsi mwakundaga mukumva ijwi rye ! Ntimunangire umutima wanyu (reba Zab 95 (94), 8).

Uhoraho, Imana yacu afite umugambi udakuka wo kutwigarurira. Imana ibyibereyemo, icyo idusaba ni ukwinjira muri gahunda yayo. Uhoraho ati: « Bazambera umuryango, nanje mbabere Imana. Nzabashyiramo ibitekerezo bimwe n'imico imwe, mbatoze kunyubaha iteka ryose, bitume bagira ihirwe, bo n'urubyaro rwabo» (Yer 32,38-39).

Abinjiye muri iyo gahunda tukemera Yezu dufite ubutumwa dusangiye twese ababatijwe.

Yezu yohereje abe kwamamaza Inkuru Nziza (reba Mk 3,14). Abayobozi ba Kliziya, bibumbiye kuri Papa, umusimbura wa Petero, kandi bunze ubumwe na we no hagati yabo, bashinzwe guhuriza hamwe ubushyo baragijwe, kubuyobora no kuburangaza imbere basohoza ubwo

butumwa. Ni bo mbere y'abandi bagomba kugaragaza ishyaka ryo guhamya ko « kwamamaza Inkuru Nziza ari umurimo ufite egaciro gakomeye, bikaba n'inshingano Kliziya yahawe na Nyagasani Yezu kugirango abantu bose bemere kandi baronke umukiro (reba *Evangelii nuntiandi*, n.5). Basabwe kandi guha abalayiki umwanya wabo mu iyogezabutumwa no kubashishikariza kuwugaragaramo neza kugirango buri wese yumve uruhare rwe mu kwamamaza Ivanjili ya Yezu Kristu igithe cyose na hose. Imwe mu nzira abalayiki banyuramo basohoza ubwo butumwa ni imiryango, amahuriro n'amatsinda y'abakristu mubarizwamo.

Umukristu wese ahamagarirwa kwamamaza Yezu Kristu n'Inkuru Nziza ye mu mibereho ya buri munsi, haba mu rugo iwe, haba mu kazi akora, mu miryango cyangwa amashyirahamwe anyuranye abarizwamo cyangwa se aho ubuyobozi bwa Kliziya bumwohereje.

Ubwo butumwa tubusohoza tuyobowe na Roho w'Imana utubwiriza ibyiza akaduha n'imbaraga zo kubigeraho. « Byose bihira abakunda Imana, ari bo yihamagariye ku bwende bwayo. Abo yamenye kuva kera, yanabageneye guhabwa isura y'umwana wayo, ... Abo yabigeneye kandi, abo ngabo yarabahamagaye ; abo yahamagaye kandi, abo ngabo yahaye kuba intungane ; abo yahaye kuba intungane, abo ngabo yanabahaye ikuzo » (Rm 8,28-30).

Aha niho twumva neza aya magambo ya Yezu yabwiye abe : muri umunyu w'isi, muri urumuri rw'isi (Mt 5,13s).

-Umunyu utanga icyanga. Ugomba guhorana uburyohe kuko uguayuka kwawo ni akaga. Iyo wataye uburyohe kaba kabaye. Nta kamaro wagirira habe n'igitaka, habe n'ifumbire (reba Lk 14,34-35). Nta gaciro, nta garuriro. Nta kindi kiba gisigaye usibye kujugunywa hanze uga honyorwa n'abahisi n'abagenzi. Ngurwo urutegereje umwigishwa wa Yezu uteshuka ku butumwa bwe. Azajugunywa hanze hahandi barira bagahekenya amenyo.

Umunyu usukura mu rwego rumwe n'umuriro. Yezu ati : « Nimwigiremo umunyu kandi mubane mu mahoro » (Reba Mk 9,49-50).

-Urumuri rw'isi rugomba kuboneshereza abantu. Yezu ati nibabona ibyiza mukora bazakurizaho gusingiza Imana (Mt 5, 16). Koko rero ikigo cyubatse mu mpinga y'umusozi ntikihishira kandi itara ryaka rishyirwa ku giterekoy cyaryo rikamurikira abari mu nzu bose, kirazira kuryubikaho icyibo.

Balayiki muri mu miryango inyuranye, mufite ubutumwa bwihariye muri Kliziya, nimwumve neza ubutumwa bwanyu. Muri umunyu utanga uburyohe, muri urumuri rwirukana umwijima, muri ikigo cyubatse mu mpinga y'umusozi, muri itara ryaka. Uburyohe bwanyu bwirukane ubusharire bugaragara muri iyi si no mu mibanire y'abantu, itara ryanyu rijye ahirengeye, ryirukane umwijima w'inabi, umwijima w'ubujiji, icyaha n'urupfu.

Ukwikuza no gusuzugura Imana bidukururira umuvumo naho ukwicisha bugufi no kumvira nka Bikira Mariya ni isoko ivubuka imigisha.

Isakramentu ry'Ukaristiya tugiye guhabwa niridutere imbaraga mu buzima no mu butumwa twahamagariwe.

Umubyeyi Bikira Mariya, Umwamikazi wa Fatima, nadufate ukuboko atwereke inzira yo kugarukira Imana by'ukuri, adutoze kumvira Imana no kuyisenga n'umutima uzira uburyarya.

Imana ibahe umugisha.

**+Vincent HAROLIMANA
Umushumba wa Diyosezi ya Ruhengeri**